
Maahanmuuttovirasto
Migrationsverket
Finnish Immigration Service

# Kwitabira ukwisobanura guteganywa n'ikigo gishinzwe abinjira n'abasohoka (Igarasiyo) kw'ikoranabuhanga rya Videwo uri muri gereza.



Kwisobanura gukorewe kw'ikoranabuhanga rya Videwo bisobanura, ko umukozi w'ikigo cya Imigarasiyo aba ari mu biro kuri Imigarasiyo wowe ukitabira ikiganiro kw'ikoranabuhanga rya videwo uri muri gereza. Gereza yaguteganirije aho uza kuba uri mu gihe cy'ibazwa ryawe ndetse n'ibikoresho bikenewe.

# Ukwisobanura gukorewe kuri videwo ntacyo guhindura ku bikubiye mu byo wisobanuraho.




Ibivugwa mu kwisobanura ni bimwe, byakorerwa kuri videwo cyangwa se byakorwa ubaza n'ubazwa bari mu cyumba kimwe. Ukwisobanura kwawe kuirakorerwa mu buryo bw'iyakure kuri Videwo, kubera ko ubu ngubu uri muri gereza.

## Ng'uku uko kwisobanura hakoreshejwe iyakure ya videwo bikorwa




Umukozi wa gereza agushyikiriza  inyandiko iguhamagara kwisobanura n'amabwiriza ajyanye na byo. Mu nyandiko iguhamagara kwisobanura umenyeshwa igihe ibazwa rizakorerwa.




Umunsi wo kukwumva, umukozi wa gereza akujyana ahateganirijwe ibazwa ryawe. Akubwira uwo wakwiyambaza habaye ikibazo mu gihe cy'ibazwa nk'urugero niba videwo yihagaritse ubwayo.



Kuvat: Papunetin kuvapankki,
Papunet.net



Tuguhamagara kuri videwo iyo igihe cyo kukwumva kigeze nk'uko twakikumenyesheje mw'ibaruwa iguhamagara gutanga ibisobanuro. mw'ibazwa. Mu kiganiro cyo kukubaza twaguteganirije umusemuzi. Umusemuzi nawe asemurira kuri videwo.



Turebera hamwe nawe inyandikomvugo twifashishije videwo. Aho tuba tugeze, ushobora gukosora cyangwa guhindura aho wifuza. Tuzakohereza mw'iposita kopi ebyiri zo gusinya. Izo nyandikomvugo zizazana n'ibahasha yishyuye yo kuzoherezamwo uzitugarurira. Sinya ku rupapuro rwa nyuma rw'inyandikomvugo zombi. Nyuma wohereze Imigarasiyo kopi imwe mw'ibahasha yazanye nazo. Ushobora gusigarana kopi yawe wibikira ubwawe.